**UBUTUMWA YEZU KRISTU YAHAYE VALENTINE NYIRAMUKIZA BUJYANYE N'IGISIBO NO GUSIBA KU ITARIKI YA 08/03/2026 SAA CYENDA NA MIRONGO ITATU N'ITANU Z'IJORO (03H35)**

**YEZU KRISTU** : Nyiramukiza mwana wanjye nkunda ; Nyiramukiza mwana wanjye nkunda, uranyumva ngo nkugezeho ikinzanye muri iri joro ?

**VALENTINE** : Karame Papa. Yego ndakumva, nguteze amatwi ngo umbwire ikikuzanye muri iri joro.

**YEZU KRISTU** : Mwana wanjye nkunda, ndakuramukije ! Urakagira abakubyara n'abo ubyara.

**VALENTINE** : Urakoze cyane Papa ! Ndabashimiye kuko mwandemye murambyara, mumpa byose Wowe na Mama wacu Bikira Mariya. Muragahora mumbyara ubu n'iteka ryose, nanjye mbyare abazabagirira akamaro babasingiza, babashengerera ubu n'iteka ryose.

**YEZU KRISTU** : Mwana wanjye nkunda, ni nde wakwigishije gusubiza gutyo ? Usubije neza cyane biranyuze. Ntega amatwi yombi ngutume ku bantu bose, cyane cyane abihayimana b'ingeri zose, kandi wumve ntuce mu ijambo. Uranyumva neza ?

**VALENTINE** : Buriya mbikura kuri Wowe na Mama wacu Bikira Mariya, kuko ni ko akunda kuvuga gutyo iyo aje kunsura. Byatumye rero ishuri mwanshyizemo rituma menya ubwenge, bwanyigishije gukora neza kandi bukumva vuba Papa !
Ndabashimira ko mwandeze nkaba narakuze neza.
Niyo mpamvu rero ngomba kubatega amatwi yombi simbace mw 'ijambo, ngo muntume aho mushaka no kubo mushaka.

**YEZU KRISTU** : Mwana wanjye, narinje kukubwira ko guhera ejo ku itariki ya 9 z'ukwezi kwa Gatatu 2026 utazasiba kurya no kunywa iminsi 12 nkuko byari bisanzwe. Uzasiba mu bundi buryo bw'ububabare kubera ko isi yugarijwe n'amakuba menshi, n'ibihugu bikugarizwa n'intambara z'urudaca, ubwicanyi no gukunda iby'isi bishira.

Ngiye kubanza nkujyane hose hari kubera ubugome bw'iyicwarubozo mu ntambara.
Ndabizi ko biguhungabanya bikagutera ubwoba, ariko ntiwahongerera ibyo utabonye, utumvise ngo bikubabaze.
Turahera muri Congo ngo urebe abantu bari gupfa bazira akarengane, abapfa ntibahambwe bakaribwa n'inkongoro, abicwa urw'agashinyaguro, abana batoya bahohoterwa n'abasigara mu mirambo ari bazima bonyine, abakuru n'abatoya, abasore n'inkumi, abagabo, abasaza n'abakecuru, ababyeyi, abatwite bakoreraho ubufindo urw'agashinyaguro kandi nabo barabyawe, n'abapfakazi n'izindi ndushyi zose zinyuranye.
Ndagutembereza mu gihugu cyawe cy'u Rwanda hose urebe uko hameze cyane cyane ahari imbabare hose. Urebe inyubako uko rwubatse, uko rutuwe, inzangano ziri mu mitima y'abantu, ibinyoma, amashyari n'ubwicanyi buhambaye kandi bapfa ubusa, inzara.
Reba ako kababaro kari mu bantu, mu bana bato bo mu gihugu cyawe.
Reba imfungwa zisanzwe n'izigunze kuri roho ni nyinshi.

Reba muri biriya bihugu bindi birimo intambara ukuntu bari gupfa bazira akarengane kubera abikunda bakunda iby'isi.
Ni byo rero ugiye guhongerera ubabarana na bariya bose nkweretse bari mu miborogo, kuko uzababara cyane ariko uzihangane ntituzagutererana kuko uri bucura bwacu dukunda.
Ndabizi ko uhora mu bubabare bwinshi bwo guhongerera ibyaha by'isi umfasha gukiza isi mwana wanjye.
Ni ibyo byawe narinje kukubwira bikureba muri kino gihe cy'igisibo cyawe.

- **Ndagutuma ku bihayimana**. Bihayimana bana banjye nkunda, ngarutse kubibutsa kandi mbababaye cyane. Ndahera ku bakuru banyu : Karidinari, Abasenyeri, Abapadiri bakuru, Ababungirije, Abadiyakoni.
Nimuhaguruke mwese mureke kwiruka ku by'isi bishira.
Nimuvane amaboko mu mufuka maze mufashe ababagana b'ingeri zose bashaka aho bumva Misa. Nimuhaguruke muvugire rimwe zifungurwe maze abantu babone aho bahurira basenga bave mu bwigunge n'agahinda, amatiku n'urugomo n'ibindi bibi.
Nimuhaguruke musenge mwebwe ubwanyu bapadiri, muhamagare abakristu mu maparuwasi yose basenge, amasengesho avuye ku mutima arimo urukundo, musaba amahoro kw'isi no mu mitima y'abantu, cyane cyane musabira ibihugu byose birimo intambara.
Musabire n'ibihugu byanyu birimo intambara, n'umutekano mukeya, ariko cyane cyane murwanye intambara zikomeye ziri mu mitima y'abantu ; muce akarengane n'imidugararo, inzangano, inzara n'ubwoba ku barengana.
Ngarutse kubatumaho mbibutsa, mbacira amarenga kandi mbagira inama, ko amasengesho ariyo azatuma mwubakira hamwe inkuta zo kurinda imyambi y'ubumara igiye kubaraswaho mutazi umunsi bizazira mwese. Nyabuna ndabasabye mutazatungurwa kandi narabateguje kuva kera n'ubu nkibabwira.
Kiriziya y'u Rwanda yanze kwemeza ko Jyewe (Yezu) nasuye i Kibeho mu Rwanda ku mugaragaro, nkabatumaho bakanga kunyumvira no kunyumva, bakantera umugongo, bahemukira igihugu n'abenegihugu biyita ko ari icyabo bakunda, kandi ko ari amahoro asesuye, bamwe babeshya bakurura bishyira kubera bikunda ubwabo bonyine.
Ntibemera icyatuzanye Njyewe na Mama Bikira Mariya ko ari ukubarinda no kubakiza. Na n'ubu bakinangiye imitima yabo banga kuva ku izima ; none boretse imbaga nyinshi bagombaga gukiza bashyigikiwe n'ikiganza Cyanjye na Mama Bikira Mariya.
Mwanze kumwubakira aho yahisemo kubera ko ntabwo bamwe bemera kandi ntibashaka ko haganwa na benshi ngo bahakirire n'igihungu gihabwe umugisha usesuye nabazaniye mukawuheza mu cyeragati. Nturashyika.
Mumbwire namwe ! Habure n'umwe koko uva ku izima ? Mbibabwiye mbabaye kandi nkomeje, nimwisubireho musubize amaso inyuma kiriziya zifungurwe.

- **Na mwe Babikira b'ingeri zose. Mukora iki** ? Muri he ? Muhugiye kuki ? ibikorwa byanyu by'urukundo mwakoraga musura abarwayi, abashonje, abihebye, imfubyi n'abapfakazi ! Amasengesho yanyu yasimbuwe n'iki ko mbona namwe murangaye cyane mu by'isi kurusha icyabavanye iwanyu mwiyemeje nta gahato ? Namwe nizeye ko mwumva neza ibyo nshaka kubabwira. Namwe nimwisubireho mbaciriye amarenga.

- **Ndagutuma ku bategetsi b'ibihugu**. Nimukunde abo mutegeka kuko nibo babaha ako kazi. Badahari ntimwabona abo muyobora, ni nabo babitorera ngo mubayobore.

Nimutegekane umutima w’ub’umuntu, murangwe n’urukundo babiyumvemo, muzarushaho gutegeka neza mu bwumvikane n’abo mutegeka.
Mutegekane ubumuntu n’ubukristu kuko mwibagirwa ko ubutegetsi butangwa natwe, kuko nitwe dutanga ubugingo no kuramba, kubaho. Muranyumva neza ? Iby’isi birashira ariko umubano mwiza uraramba kandi ugakiza.

- **Ndagutuma ku basenga n’abemera bose**. Bana banjye nkunda cyaneeeeeee

Nimusenge cyane isengesho rivuye ku mutima. Nimugire Rozari yanyu akabando kabasindagiza kazabageza heza mwifuza. Ntimuzacike intege kuko muhetse imbaga nyamwinshi ziri mu mpande zose z’isi mu bihugu byinshi bitandukanye.
Ikindi kandi, amasengesho yanyu akiza benshi barwaye indwara zitandukanye ku bemera kuvurwa, gukira no gukizwa ku bw’umwuka n’ubuntu bw’Imana. Murabyumva neza ?

Mwana wanjye nkunda ni icyo cyari kinzanye kugutuma, icyo utasobanukiwe uzakimbaze ubutaha.

Ngaho vuga aya masengesho nguhe umugisha.

**Ndakuramutsa Mariya.**

Ndakuramutsa Mariya, wuje inema uhorana n'Imana
Wahebuje abagore bose umugisha
Na Yezu umwana wabyaye arasingizwa,
Mariya mutagatifu mubyeyi w'Imana
Urajye udusabira twebwe abanyabyaha kuri ubu, n'igihe tuzapfira. Amina.

**Dawe uri mi ijuru.**

Dawe uri mu ijuru, izina ryawe ryubahwe
Ingoma yawe yogere hose
Icyo ushaka gikorwe munsi, nkuko gikorwa mu ijuru
Ifunguro ridutunga uriduhe none, utubabarire ibicumuro byacu nkuko natwe tubabarira abaducumuyeho
Ntudutererane mu bitwoshya, ahubwo udukize icyago. Amina.

**Hubahwe Imana Data.**

Hubahwe Imana Data na Mwana
Na Roho Mutagatifu
Nk'uko bisanzwe iteka bubahwe n'ubu n'iteka ryose. Amina.

**Isengesho ryo gusabira abarwayi.**

Mana ihoraho ugahanga byose,
Ni Wowe ukiza iteka abakwemera
Turatakambira abawe barwaye, tugirango ubagirire impuhwe, maze nibamara gukira bazaze kugushimira iteka muri Kiliziya yawe
Kubwa Yezu Kristu Umwami wacu. Amina.

**Isengesho ryo gusabira abatwanga**.

Mana y'urukundo n'amahoro
Abatwanga bose,
Ubakize ibyaha byabo byose,
Ariko natwe uturinde imitego yabo ukomeje,
Ku bwa Yezu Kristu Umwami wacu. Amina.

Nguhaye umugisha mwana wanjye,
Ku izina ry'Imana Data na Mwana na Roho Mutagatifu. Amina.

Mpaye umugisha abazasoma ubu butumwa.
Ku izina ry'Imana Data na Mwana na Roho Mutagatifu.

Mpaye umugisha abihayimana bumva bagashyira mu bikorwa ubutumwa bwanjye n'ubwitange mu byo bakora.
Ku izina ry'Imana Data na Mwana na Roho Mutagatifu.

Mpaye umugisha abitanga bose basenga bavuga Rozari n'andi masengesho anyuranye.
Ku izina ry'Imana Data na Mwana na Roho Mutagatifu.

Mpaye umugisha abategetsi b'ingeri zose mu butegetsi butandukanye bategekana urukundo n'ubutabera mu bo bayobora bubahiriza ibiremwa byanjye.
Ku izina ry'Imana Data na Mwana na Roho Mutagatifu.

Uramukeho mwana wanjye nguhaye umugisha wanjye.

Ku izina ry'Imana Data, na Mwana na Roho Mutagatifu. Amina.

**VALENTINE** : Urakoze cyane Papa. Uramuke.